# 20121031-061 Uwamahoro, Josiane

Name: Uwamahoro Josiane
School: E.T. de Mukingi
Class: 3e anneé

……………………………………………………………………………………………………

Uwamahoro Josiane
Prefecture: Gitarama
Commune: Mukingi
Secteur: Kamusenye
Cellule: Gakomeye
Classe: Ecole Tachnique de Mukingi
Centre: Byimana
Annee scolaire de 1999-2000

……………………………………………………………………………………………………

**Uko intambara y'itsembabwoko n'itsembabwoko yo muri 1994 yangebdekeye**

**Uko intambara yatangiye**

Le 07.04.1994 mu gitondo nibwo kuri radio tumvise bavuga ko indege yari urimo Habyarimana bayirashe. Ubwo bavugaga ko muri Kigali abantu bose baguma munzu utihagari usohoka. Twafunguraga radio mu Burundi [cyanga] muri Muhabura tukumva bavuga ko abantu muri Kigali bashize bicwa n'abajepe n'abasirikare bi interahamwe. Ariko twe twumvaga ko ariamashyaka yasubiriranyemo ko ari abanyendunga basubira uyemo n'abakiga.

Ubwo hashize iminsi mike twumva ko bene wacu bari I Kigali ko babishe babamaze. Hari data wacu n'abana 9 n'umugore we barabamara. Abasaza banye nabo bariyo barabamara n'abantu benshi bo muri famille yacu.

……………………………………………………………………………………………………

Ubwo twahise tujya mu gahinda kabo kuko abantu bacu bari bashize. Twahise ducika integer kubera agahinda. Ariko twumvaga ko twe ntambara itazatugeraho ko ariyo uturere twarubiranyemo . Ubwo abakiga aribo bari bafite integer zo kuganza abanyanduga bakabamara muri Kigali ariko twumvaga ko batakigabiza Gitarama ubwo hakomeje kwica kw'abantu.

**Uko Intambara yatugezehi muri Gitarama.**

Ubwo twumvise ko muri Komine Tambwe harimo kwicwa abantu ariko ntitwasobanukiwe abo aribo ureste ko byose ari kimwe gupfa byari ngombwa. Ubwo papa yarazamutse ajya ahantu ku gasantre hitwa mu Byimana ahasanga imodoka irimo abantu bari baturutse I Kigali barimo kuvuga ngo bice abatutsi bajya babasanga ku muhanda.

……………………………………………………………………………………………………

Papa yahise agira ubwoba ahita amanuka araza aratubwira ati byakomeye ati n'ugupfa. Ariko twe twumvaga atai ibinti bikomeye cyane twumvaga ko ari intambara nk'izindi zabaye nkizo muri 1959, 1973 mbese ko Atari ibintu bikomeye cyane.

Ubwo twagejye nimugoroba tujya kurara ku gasozi tugirango turebe aho binti gigana. Twagiye kubona muri iryo joro tunona ingo zose zo muri famille yacu hagiyeho ibitero. Ubwo inka barashorera bajya kuzibaga. Muri ako kanya tuboma ingo batangiye kuzitwika. Umuriro uratangira uraka kun go zo mu batutsi zose. Ibintu byo mu rugo byose barabisahura muri iryo joro ku buryo nta kintu basizemo. Ubwo twahise twumva ko byadukomereyeho dutangira gutatana muri iryo joro riko kuko inzu bari batarazisenya. Jye numvaga ko nibucya dusubira murugo kuko ari ubwa 1 [mbere] nari mbonye intambara.

……………………………………………………………………………………………………

Bwarakeye noneho abatutsi batabgira kwicwa. Ubwo nibwo ywatangiye gusobanukirwa ibyo aribyo. Uwo munsi amategugura bararokambura baratwara inzu barazigusha, imyaka mu mirima , amatungo ariko n'abantu bicwa natwe baduhiga ugo batwice kandi ibyo byakuvuga n'abaturanyi bacu barenyaga amazu aho bamaze gusenya. Bakavuga ko hase ahasanze imyobo yo kuzashiramo abahutu.

Kandi niyo mamaraga kwica umututsi bavugaga ko bamusanganye impapuro yandikiwe n'inkotanyi. Ayo yose n'amakuba y'abatautsi, yewe!!! Dore ko banavugaga ko kwica ibitutsi ari uko gutema umutumba , ngo byari umunyenga. Ngo abatutsi bavaga amazi naho abahutu bakava amaraso. Dore ko ngo bari n'inzoka ubwo kuko papa nawe yabaga i Kigali yari amaze iminsi arwaye in Kigali mbere yoko Habyarimana ajypfa. Nawe ubwo interahamwe z'iwacu zamuhigaga zivugako yajyaga ku hirirwa

……………………………………………………………………………………………………

Ngo azi amabanga y'inkotanyi. Wenda papap nawe yari kugwa i Kigali uretseko byose ari kimwe atabuze kwicwa ariko nibura yapfuye duherekana.

Ubwo twiberaga mu mwobo ahantu hagati mu rutoki hejuru tukarenzaho ibishangara mbese urumva kuvuga ngo isaha ni isaha udapfa. Umuntu yari atagereje gupfa kuko nta bundi buzima ategereje.

Tumvaga abantu bose badufitiye akamaro babishe babamaze mu byukuri ukumva nawe utaho usigaye ukifuza kuba utaravutse nka wa mugaragu w'imana , ukumva [cyanga] wakigenura bakakwica uretse ko Imana ireba kure utabapfira gushira kuko bieoga bavuga ngo umwana

w'umuhutu azavuka ajye abaza uko abatutsi basanga mbese umuhutu yavaga ko nta mututsi uzsigara mu gihugu.

Ibisigazwa byari bisigaye by'abatutsi noneho babijyanye kuri komini Mukingi

……………………………………………………………………………………………………

Twapfuye kijyayo ariko nabwo twumvaga ko bagiye kutwica ariko twumvaga ko ubwo bagiye kudushyira hamwe ko batwicisha isasu. Dore ko navyo ryari rihenze ntapffaga gukoreshwa ngo inzoka yicishwaga amafuni n'imipiri n'inkota. Twaragiye badushyira ahantu mu nzu twese nta kindi twakoze uretse gusenga ngo dupfire mu maboko ya Nyagasani kuko kuri Komine hari muri Secteur yacu na serire yacu. Ubwo interahamwe zaduhigaga niho zabarizwaga zose. Byagejeje kumugoroba umuporisi witwaga Kayumba araza aratubwira ati " bariya bagabo banabo bashaka baramutwara ntibibatangaze. Abo bagabo bari interahamwe z'iwacu.

Izo interahamwe zaje kuri komine ni:

-Uwitwaga Rangaranga
-Uwitwaga Sigisi
-Uwitwaga Budunuge
-Uwitwaga Munyaburanga

N'izindi nyinshi ntabashije kumenya amazina yazo.

……………………………………………………………………………………………………

Ubwo zaraje zijya ku muryango zifite urupapuro ruriho risiti y'abagomba kujya kwicwa mu byukuri. Noneho abagabo bose bari basigaye muri famille yacu bose bari muri iyo riste, n'abakobwa bajujutse bose. Ubwo barabasohoye batangira kubatera ibyuma imbere yacu. Bamaze kubateragura ibyuma tubona baragarutse. Ubwo twagizengo barabaretse ntibakibishe. Bwarakeye baragaruka (izo interahamwe) barongera barabahamagara ariko bamwe barabacitse, harimo na papa. Ubwo muri famille yacu bajyanye abitwa:

1. Habyambere François
2. Mubirigi Antoine
3. Na Matayo

n'abandi twari turikumwe aho muri Komine. Ubwo babajyanye babateragura ibyuma babajyana muri isoko ryari haruguru hitwa mu Byimana babiciramo, babashyira muri foce yari aho. Ubwo noneho kuri twe twahise tumva birangiye. Burakeye, uwari bourugumestre wa Komine witwaga Nsabimana Saziri, tuboma azanye imodoka ya bisi ngo yo kutujyana.

……………………………………………………………………………………………………

Ubwo noneho twumvaga ko bagiye uko kututoka mu Kivu [cyanga] anahtu habi cyane. Abantu bahise bajyamo ariko twe atubuza kujyamo jyewe, maman na musaza wanjye. Aratubwira ati nimijye kwa sogokuru wenda utihabura akazarigara. Ubwo ba papa buriye bisi natwe turagenda ariko twihishe twagezeyo baratwakira baraduhisha bu buryo turiho. Ariko nabwo byari rukokoma rwo musaza yitwaga MINIGANTAMA Carxete. Ubwo njye na musaza wanjye baraduhisha ahantu mu musarani bari baracukuye waru wuzuye ariko batawittumamo. Ubwo interahamwe zahateraga buri munsi ngo zije gusaka inzoka zahari ariko ntibatubone. Ubwo naho twahagiriye ubuzima bubi cyane kubera kuvuga tuti baratuvumburamo batwice kandi wurwo rugo rwose bari kubica kuko bavigaga ko ari ibyitso. Noneho twicuza icyatumye tutajyana na bene wacu, kuko ba marume bajyaga I Kabgayi aho ba papa bari najye nkumba wajyayou kuko ubuzima bwo mu musarane bwari bwandambiye.

………………………………………………………………………………………………..

Ubwo mu kwezi kwa 5 niko nanjye mumvise ubebibye mpita njya i Kabgayi. Najyanye na marume gusura papa ariko ibyo nabonye mu nzira aha!!! Intumbi z’abantu , narakubiswe n’ibindi bibi byinshi ku buryo nagezeyo nahahamuritse, sinagaruka ku buryo nagezeyo nsanga naho ubuzima bwahi buri hanyuma y’ibibi. Maze nongera kubonana na bene wacu bari basigaye ahari nari ngiye gusezera  kuri papa ngo adapfa tutabonanye kuko noneho baricaga umusubiriza baboherezagamo amasasu. Abo batwaraga bakabica. Hari ubuzima bubi cyane. Inzara, amacinya, igisogororo. Mbese abatutsi bari bararimbuyi ingurubi kuivuruguta. Nahamaze iminsi 2 ndongera ndadomoka kuko gupfa ntacyo byari bimbwiye. Nabonye ngeze kwa sogokuru ntaguye mu nzira ariko byabaye nk’inzozi kuko najye sinzi inzira nanyuze. Ahari nagenze muturere maze nisubirira mu musarane wanjye. Ubwo haciyemo iminsi 2 kwa sogokuru. Nijoro, interahamwe zirahatera zitwaje imbunda, ibyuma, mbese ibikoresho byose byo kwica.

…………………………………………………………………………………………………

Zaraje zirarasa inzugi zigera imbere, ariko icyo zaraloze n’amarorerwa. Zageze munzu , umusaza arazicika ubwo zica umuhungu  we w’umusore wigaga mu mwaka wa 5 wa secondaire n’undi wari yubatse, zirasahura kuko uwo musaza yari umucuruzi w’inka zahakuye n’amafaranga menshi. Zusahura n’ibintu byose byari bifite agaciro, ariko twe sinzi uko Imana yakinze ukuboko. Wa musarane wacu ntibawumenye ahubwo basatse munzu hose baraubura kandi bari baziko badusangamo bakatwica aiko inzu yacu utibayimenye kuko izo nterahamwe haimo I z’iwacu nk’uwitwa MUNYABURANGA n’izindi ntibuka amazina. Izabashije mumenyekana ni 7 ariko muri zo ntarasigaye zose zarapfuye. Amaraso ya bene wazo yazikozeho  ya mara y’umuntu bwaracyeye maze ibintu biradogera. Interahamwe zasubiranyemo maze si ukwicana kuko amaraso y’abahutu yari yabakozeho. Hapfuye birindwi byose nubwo kwa sogokuru hari harimbutse ariko numvaga ibyapfuye nkisetsa.

……………………………………………………………………………………………………………

Uti wenda ubwo ibyo byapfuye buracya kabiri hari ku itariki ya 15.05.94 ubwo bahabye izo nzirakarengane (ba marume) maze nongera kumva indi nkuru ngo wa papa baraye bamwishe mbese bashskaga kuturimbura umunsi umwe uretse ko ntabajyana papa we bamukuye mu zindi mpuzi i Kabgayi n'abandi bantu harimo n'abo muri fanille yacu babajyana hanze babakubitagura imipiri, babateragura ibyuma nuko babatsinda aho. Papa yitwaga NZABAMWITA Innocent babatsinze mu maso y'impunzi zose zari zihari ahantu hitwaga muri C.N.D nivyo zinahari narahabonye.

Ubwo hari irimbi akagana haruguru gato barajyana bashiraho udusinde 2 ngo barabahambye. Yewe izo nzirakarengane Imana izihe uburuhuko budashira.

Ubwo noneho jye na maman ma musaza wanjye twongeye dusubira inyuma cyane kuko aho twari twahungiye bari bapfuye bashize. Ari na papa yari apfuye mbese natwe twumbaga ko igisigaye ari ugupfa kuko n'amasasu yari yaterishejwe aho kwa sogokuru yari yadukuye umutima. Amasasu 14 yose hejuru yacu? Twari twabaye ibirya.

Ubwo hashize iminsi twumva imbunda ziravuga. Ubwo tubona impuzi zatangira guhunga zivuga ngo Inkotanyi zirasa zica , mbese bazikarabika cyane ubwo natwe aho turi munzu yacu y'umusarane tukisetsa, ahubwo tukumva tubonye amababa twaguruka tukazisanga kuko noneho batoratoraga udututsi twose twasigaye kugirango hatazagira agasigara  habara inkurudere ko n'amasambu yacu bari barayiganyije. Twasanze barateye ibiti bibgabanya. Ubwo twagumye mu musarane wacu dutinya gusohoka kuko tutari kumara icyo dusohoka.  Abaturage bo muri ako gace bose barahunze ariko twe twaragumye mu rugo kuko uta hantu twari kubona duhungira.

……………………………………………………………………………………………………………

Ubwo Inkotanyi zari zimaze kugera mu Byimana ariko noneho tugira ikibazo cy'inzira tunyuramo kugirango tugere mu Byimana. Kuko twatinyaga ko interahamwe zatwicira mu nzira tugenda duhitamo kuguma mu rugo.  Ubwo  twagiye kubona tubona abasirikare bi Inkotanyi baraje. Ubwo twahise tumera nk'abazutire. Tubatekerereza ibyacu byose. Nuko baratjyana , batujyana mu Byimana uko twari muri urwo rugo twese. Tugeze mu Byimana, rwose nye nabonye ari nk'igitangaza kuko nahasanze bene wacu bari bacitse ku icumu. Niho bamwe bari kandi byongeye nari nongeye gusohoka mbona ibyo hanze. Nubwo guhunga nabyo byatuvuniye ariko umuntu yari yakize umuhoro n'inkota.

None  ubu twararokotse turi bazima. Muri make nuko intambara yo muri 94 yangendekeye.

Murakoze.